



Ikinyamakuru N°25/2016;

Taliki ya 1– 10 Nzeri 2016

Ryoherejwe kuwa 13 Nzeri 2016

**Ingingoz'ingenzi:**

- Iminsi icumi ya mbere y'ukwezi kwa Nzeri yagaragajeko imvura yabonetse ihagije mu **bice byinshi by'iburasirazuba**, ahandi hasigaye mu gihugu ikaba yarabaye muni y'iyari isanzwe iboneka
- **Ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye mu bice byose by'igihugu**
- Mu mataliki ya 10 -20 z'ukwezi kwa Nzeri, hateganyijwe ubwiganze bw'ibicu ndetse n'imvura nke, iziyongera mu bice by'amajyaruguru y'igihugu.


**I. Iriburiro**

- a) Iminsi 10 ya mbere ya Nzeri 2016 yebonetsemo imvura nke hafi ku bupimiro bwose bwo mu gihugu, igaragara ari nyinshi ku bupimiro bwa Kawangire (mm 36.1), naho ahabonetse nke akaba ari kubw'i Nyagatare ingana na mm 0.5; ubwagaragaje igabanuka rikabije akaba ari ubwa Nyamagabe bwavuye ku kigereranyo cya mm36.8 bukabona mm1.1

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	1-10 Nzeri 2016	1-10 Nzeri
Kigali	1.8	20.4
Rusizi (Kamembe)	18.6	34.5
Rubavu (Gisenyi)	21.5	42.4
Nyamagabe (Gikongoro)	1.1	36.8
Ngoma (Kibungo)	20.3	17.3
Gicumbi (Byumba)	6	41.4
Busogo	7	48.4
Bugarama	13.1	20.7
Musanze (Ruhengeri)	7	45.6
Gitega	1.8	35.4
Rubengera	12.6	42
Byimana	5.9	29.5
Kawangire	36.1	24.4
Nyagatare	0.5	38.7


Imbonerahamwe ya I




Igishushanyo I

- b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye hagati ya 1-10 Kanama 2016, imvura isanzwe igwa muri icyogihe ndetse nimvura yaguye yaguye mu kwezi kwakubanjirije (Nyakanga) muri mm.


**Ikarita ya1: Imvura yaguye 1–10 Nzeri 2016**




**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa hagati ya 1-10 Nzeri**



**Ikarita ya3: Imvura yaguye 21–31 Kanama 2016**



**Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa hagati ya 21-31 Kanama**



**II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu hagati ya 1-10 Nzeri 2016 mu buryo burambuye**

**a) Intara y’i Burasirazuba**

Uretse ubupimiro bwa Nyagatare bwerekanye imvura iri muni y’isanzwe igwa; ubundi bwose bwakoreshejwe bwerekanye imvura iri hejuru y’isanzwe igwa (nkuko **ikarita ya1&2** ziberekana); iyo mvura yaguye kandi iri hejuru y’iyaguye ugereranyije n’iyaguye mu minsi icumi yanyuma y’ukwezi kwa Kanama (**ikarita ya1&3**)

**b) Intara y’a Majyaruguru**

Ubupimiro bwose bw’Intara y’Amajyaruguru bwerekanye imvura nke cyane, imvura yagabanutse cyane ukurikije n’iyari isanzwe iboneka mu gihe kimwe mu Majyaruguru (Ubupimiro bwose bwerekanye imvura iri muni ya mm 10, mu gihe hasanzwe haboneka irenze mm 40, reba **ikarita ya1&3**).

**c) Intara y’a Majyepfo**

Nubwo imvura yabonetse mu minsi 10 ya mbere y’ukwezi kwa 9 yiyongereye ugereranyije n’iyanyuma y’ukwa 8 (**ikarita ya1&3**); iyabonetse ntiyigeze igera ku kigereranyo cy’isanzwe igwa muri iki gihe gishize; iri gabanuka ryagaragaye cyane ku bupimiro bwa Nyamagabe ahabonetse mm 1.1 mu gihe hasanzwe haboneka mm 36.8 mu minsi nk’iyoy.

**d) Intara y’i Burengerazuba**


Habonetse imvura hafi iminsi yose uko ari 10 ariko iyo mvura ijya muni cyane y’iyari isanzwe igwa cyaneko iyi Ntara iri muzisanzwe zibona imvura nyinshi (reba **ikarita ya1&3**).

### e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 wabonye imvura iri munsu y'isanzwe igwa ndetse ubwo bupimiro bunerekana igabanuka ku mvura yari yabonetse muri ako gace mu minsi yanyuma y'ukwezi kwa Kanama.

### III. Ingaruka ku Buhinzi

#### a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



“Nzeri 2016 dekad1” yerekana ubwiyongere buke ku bubobere bw'ubutaka ugereranyije na “Kanama 2016 dekad3”; ubu bwiyongere bwatewe n'imvura yabonetse muri “Nzeri 2016 dekad1”

Mu bice byose byo mu gihugu, igipimo cy'ububobere kiri munsu ya 60% (reba **Ikarita5&6**); ububobere butabereye ibihingwa byinshi cyane cyane ibikenera ingano nyinshi y'amazi. Iyi minsi 10 ikurikira (11-20 Nzeri), hateganyijwe ubwiyongere bw'ibicu mu gihugu hose, bizatanga imvura iri munsu y'iyoye dusanzwe tubona kugeza kuyo dusanzwe tubona muri icyo gihe. Abahinzi baragirwa inama yo gutegura imirima yabo ndetse no guteganya imfasha buhinzi (Kubika amazi no kwuhira) muri iki Gihembwe-A cy'ihinga giteganyijwe kuzatangira hafi mu kwezi k'Ukwakira

### IV. Iteganyagihe

Kuva taliki 11-20 Nzeri 2016, ibicu biziyongera byiganze mu gihugu hose ndetse n'ubwiyongere ku mvura nke kugeza ku mvura iringaniye; ubwiyongere buzagaragara cyane mu majyaruguru y'igihugu: hateganyijwe imvura iri munsu kugeza ku isanzwe iboneka

**N.B:** Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsu, iry'iminsi 3, itanu (5) ndetse n'iry'iminsi 7 ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)